

REPUBLIC OF RWANDA



NATIONAL INTELLIGENCE AND SECURITY SERVICE  
DIRECTORATE GENERAL OF IMMIGRATION AND EMIGRATION

**ITANGAZO KU GACIRO KA PASIPORO ZICYUYE IGIHE**

Kigali, kuwa 13 Kanama 2020

1. Nkuko byatangajwe kuwa 28 Kamena 2019 ubwo hatangizwaga itangwa n'ikoresha rya Pasiporo Nyarwanda y'Afurika y'iburasirazuba ikoranye ikoranabuhanga, Ubuyobozi bukuru bw'Abinjira n'Abasohoka buributsa Abanyarwanda bose ko Pasiporo z'u Rwanda zatanzwe mbere y'italiki ya 27 Kamena 2019, zose zizacyura igihe ntizongere gukoreshwa kuva taliki ya **28 Kamena 2021**.
2. Tuboneyeho kandi kubamenyesha ko Pasiporo Nyarwanda y'Afurika y'iburasirazuba ikoranye ikoranabuhanga isabirwa ku rubuga rw'IEMBO [https://irembo.gov.rw/rolDGIE/epassport\\_v1/Epassport\\_v1.xhtml](https://irembo.gov.rw/rolDGIE/epassport_v1/Epassport_v1.xhtml) . Mushobora kuyisaba mu gihe Pasiporo icyuye igihe igifite agaciro.
3. Ku bindi bisobanuro, mwahamagara ku murongo wa telefoni: +250 722 180 218, +250 722 1593 72, +250 726 792 989. Mushobora no gukoresha imbuga nkoranyambaga zacu ari zo: Twitter: **@Rwandamigration**, Facebook: **RwandImmigration**.

**IHEREZO**

